# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA YABAYE KU ITALIKI YA 9 KAMENA 2007

None ku italiki ya 9 Kamena 2007, Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda yateraniye mu cyumba cy'inama cya la Palisse Club i Nyandungu, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'aba bakurikira :

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage akaba Perezida w'Icyubahiro wa RALGA akaba kandi yari n'Umushyitsi Mukuru mu nama y'Inteko Rusange ;
- Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba ;
- Abanyamuryango b'Icyubahiro ;
- Abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA ;
- Intumwa z'Umujyi wa Kigali n'iz'Uturere twose tw'u Rwanda ;
- Bamwe mu Baterankunga ;
- Bamwe mu nshuti z'Ishyirahamwe RALGA ;
- Abanyamakuru.

**Ijambo ryo gufungura inama:**

Iyi nama yafunguwe ku mugaragaro na Madamu Perezida wa RALGA mu mwanya wa Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi utabashije kuboneka.

Mu ijambo rye, Perezida w'Ishyirahamwe RALGA yashimiye abanyamuryango umurava n'ubushake bagaragaza kugira ngo hakomeze gushimangirwa icyizere abaturage bagiriye abanyamuryango ba RALGA.

Yashimiye kandi abanyamuryango b'Icyubahiro n'abaterankunga bakomeje kuba hafi RALGA kugira ngo ishobore gusoza inshingano yahawe n'abanyamuryango.

Mu butumwa bwa Minisitiri w'Igenamigambi, akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro yashimiye abanyamuryango ba RALGA umurava bakomeje kugaragaza bikaba bishimangirwa n'ubushobozi mu mikoreshereze y'imari mu Turere n'Umujyi wa Kigali (Capacité d'absorption). Yasabye abanyamuryango kwibuka no kuzirikana ko "decentralisation" ari amahirwe mu gukomeza gutanga "service" inoze ku baturage bityo bikanadufasha gukomeza kubageza ku mpinduka mu mibereho yabo no kugera kubyo bifuza byose.

Yibukije ko ibi bisaba kwibaza ku nkomyi zatuma ibigamijwe bitagerwaho no kumenya ko icyangombwa ari uguhitamo iby'ingenzi (prioritisation). Bikaba byumvikana ko ibyo bisaba ubushobozi, ari nayo mpamvu yemereye Ishyirahamwe RALGA inkunga y'amafaranga yazarifasha kongerera ubushobozi abagize Komite Nyobozi z'Uturere mu byerekeye igenamigambi, gutegura no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari, EDPRS, gucunga imishinga n'amafaranga n'ibindi.

**Ikiganiro cyatanzwe na Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage akaba n'Umushyitsi Mukuru muri iyo nama :**

Ikiganiro cya Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage cyibanze ku cyizere (trust) kigomba kuba hagati y'abayobozi n'abo bayobora. Ubuyobozi bwegereye abaturage bugomba guhora buzirikana ku cyatuma hubakwa icyo cyizere. Niyo mpamvu ubuyobozi bugomba kuba bufite intego zo guhindura imibereho y'abaturage bagana aheza. Ibi birasaba ko abayobozi baha igihe kinini ibyo bakorana n'abaturage kugira ngo iki cyizere kirusheho kwiyubaka.

Abayobozi bagomba kumenya gusesengura ibibazo by'abayoborwa kugira ngo n'umuti wabyo uze uberanye nabyo kandi ubirandura burundu. (Urugero : ikibazo cyo kwiyahura cyiyongera mu baturage) . Ni ngombwa kwibaza impamvu y'uko kwiyahura, kandi iyo mpamvu ikavanwaho kuko iyo ikibazo nk'iki kirangaranywe gikurura ibindi bikomeye kukirusha. Nk'aha birumvikana ko uwanze ubuzima bwe, ubw'abandi bwo aba yarabugize ubusa kuva kera.

RALGA yasabwe gushyira mu bikorwa byayo gahunda yo kubaka icyizere hagati y'abayobozi n'abaturage bayobora.

**1. Ingingo z'ingenzi zasuzumwe ni izi zikurikira :**

Ingingo ya 1 :

- Gusuzuma no kwemeza inyandiko zikurikira :
  - Inyandikomvugo y'inama yo ku wa 30 Ukuboza 2006,
  - Raporo y'ibyakozwe kuva mu kwezi kwa Mutarama kugeza muri Gicurasi 2007,
  - Raporo y'imikoreshereze y'imari kuva muri Mutarama kugeza muri Gicurasi 2007,
  - Raporo ya Komite Ngenzuzi ya RALGA
  - Gahunda y'ibikorwa bya RALGA kuva muri Nyakanga kugeza mu Kuboza 2007
  - Ingengo y'imari ivuguruye ya RALGA yo mu wa 2007

Ingingo ya 2 : Kuganira ku nshingano z'abayobozi b'inzego z'ibanze mu kubungabunga imibereho myiza y'abacitse ku icumu.

Ingingo ya 3 : Gusuzuma inyandiko igaragaza ibibazo bibangamiye imikorere y'inzego z'ibanze no kureba uburyo byakemuka.

Ingingo ya 4 : Isabukuru ya RALGA y'imyaka itanu n'isabukuru y'imyaka 100 y'Umujyi wa Kigali.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 30 Ukuboza 2006 muri La Palisse Club i Nyandungu imaze kuyikorera ubugororangingo.

2. Inteko Rusange yashimye ibyagezweho n'Ubunyamabanga Bukuru mu gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inteko Rusange yo ku wa 30 Ukuboza 2006 ariko isaba ko hakomeza gushyirwa ingufu mu birebana na "food security" no gukomeza kugena ibyatuma imibanire hagati y'Uturere inoga; kimwe n'ibyatuma imijyi itera imbere.

3. Inteko Rusange ya RALGA yemeje raporo y'ibyakozwe kuva mu kwezi kwa Mutarama kugeza muri Gicurasi 2007 n'imikoreshereze y'ingengo y'imari ariko

hasabwa ko ibikorwa byakongerwa hakabaho uburinganire (équilibre) hagati y'ingengo y'imari y'ibikorwa (budget de programme) n'ingengo y'imari y'imikorere (Budget de fonctionnement) ;

4. Inteko Rusange yemeje ibikorwa bikurikira byakwitabwaho :

a. Kongerera ubushobozi abayobozi b'Uturere mu gucunga ingengo y'imari y'akarere n'uruhare rwabo mu bikorwa by'igenamigambi ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali;
b. Kongerera ubushobozi abakozi b'Imirenge na Njyanama z'Imirenge;
c. Guteganya ibikorwa (Programmes) byafasha Uturere n'Umujyi wa Kigali mu gukomeza kubaka icyizere (trust building).

5. Inama y'Inteko Rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kuyikorera ubugorora ngingo.

6. Inama y'Inteko Rusange yemeje gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari ivuguruye bya RALGA kuva muri Nyakanga kugeza mu Kuboza 2007 bimaze gukorerwa ubugororangingo, irasaba ko Komite Nyobozi n'Ubunyamabanga Bukuru baziga ku cyakorwa kugira ngo RALGA igumane abakozi bakora mu by'icungamutungo.

7. Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bugomba gushyira ingufu mu cyatuma gahunda zo kubungabunga ubuzima bw'abacitse ku icumu zigenda neza no kugera ku ntego.
Yasabye ko inzego nka FARG zifite mu nshingano zazo kubungabunga imibereho y'abacitse ku icumu zakorohereza ibirebana no kugeza ubushobozi ku Turere n'Umujyi wa Kigali kugira ngo ibikorwa biteganyijwe nk'ubwubatsi bishyirwe mu bikorwa bitagoranye.

Ishyirahamwe RALGA rirasabwa gufasha guhuza inzego zitandukanye : Joint Action forum, Nyobozi z 'Uturere, Biro za Njyanama z'Uturere n'abandi ba ngombwa mu rwego rwo gushaka uko gukurikirana ibikorwa bigenerwa abacitse ku icumu byarushaho gukorwa neza.

8. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yasabye ubunyamabanga bukuru bwa RALGA gutegura neza isabukuru y'imyaka itanu RALGA imaze ishinzwe.

9. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yasabye inzego z'ubuyobozi z'Uturere n'Umujyi wa Kigali kugira umuco wo gukemura amakimbirane kugira ngo zirusheho kugira ingufu mu mikorere.

10. Ishyirahamwe RALGA rirasabwa gutegura uburyo hashyirwaho Komite ya « discipline » izafasha mu gukemura amakimbirane.

11. Inteko Rusange yemeje ko RALGA n'abanyamuryango bazashyigikira gahunda y'Umujyi wa Kigali yo kwizihiza Isabukuru y'imyaka ijana (100) Umujyi wa Kigali ubayeho.

**GUSHIMIRA**

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Guverinoma y'u Rwanda n'izindi nzego za Leta, abaterankunga, inshuti n'abanyamuryango ba RALGA kubera inkunga n'ubufatanye bahora bayigaragariza.
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi hamwe n'Ubunyamabanga Buhoraho bw'Ishyirahamwe ibikorwa by'ingirakamaro bagezeho babagaragarije.
3. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange cyane cyane mu bitekerezo byubaka byabaranze. Umusanzu wa buri wese urakeneye mu kubaka u Rwanda rutanga icyizero.

Bikorewe i Kigali none ku wa 9 Kamena 2007

NYANGEZI Bonane
Umwanditsi w'inama

Dr Aisa KIRABO KACYIRA
Umuyobozi w'inama